ICYEMEZO CYA KONGERE YA 5 Y'ISHYAKA RIHARA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (PSD) KU IVUGURURWA RY'ITEGEKO NSHINGA.

1. Nyuma y'imyaka 12 Itegeko Nshinga ritowe, Abanyarwanda bamaze kunyurwa n'ibyiza Igihugu cyagezeho byatewe n'imiyoborere mishya, bafashe iya mbere mu gusaba ko ingingo ya 101 iha Perezida wa Republika utowe manda y'imyaka 7 rikanamwemerera kongera gutorwa inshuro imwe gusa yahindurwa.

2. Abanyarwanda bishimira cyane intambwe nini imaze guterwa iganisha ku majyambere arambye bishingiye ku miyoborere myiza, umutekano, imibereho myiza yatewe n'ibyakozwe mu burezi no mu buzima, ibikorwa remezo byiyongera kandi bikagera kuri bose; ubumwe n'ubwiyunge byabafashije kubana neza ndetse n'uruhare rw'u Rwanda ku mugabane w'Afurika no mu ruhando mpuzamahanga. Ibyo byose bituma babona ko imbere hazaza hatanga icyizere cyisumbuye.

3. Muri iki gihe, Abanyarwanda bari mu ngeri zinyuranye bakomeje gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko inyandiko zishimangira ko bifuza ko iyo ngingo yahindurwa kugirango Perezida Paul KAGAME ashobore kuba yakwiyamamariza Manda ya gatatu, bakongera kumutora kubera ibyo byiza yabagejejeho.

4. Ishyaka PSD nk'umutwe wa Politiki wigenga, witabiriye amatora yose yabaye mu Rwanda guhera muri 2003, by'umwihariko ukaba waratanze umukandida ku mwanya wa Perezida wa Republika mu matora yo muri 2010, ryishimira ibyo Igihugu kimaze kugeraho ndetse no kuba ryarabigizemo uruhare rifatanije n'indi Mitwe ya Politiki. Rizirikana uburemere bw'ibyo Abanyarwanda basaba kuko bireba urwego rw'Ikirenga rw'Igihugu, rufite inshingano yo kurinda Itegeko Nshinga.

5. Mu gusesengura ubusabe ku ihindurwa ry'ingingo ya 101 y'Itegeko Nshinga, ryemera ubusugire bw'Abanyarwanda mu birebana n'imiyoborere

y'Igihugu cyabo, kandi risanga ingingo ya 193 y'Itegeko Nshinga iteganya uburyo ingingo ya 101 yahinduka,

6. Bityo rishyigikiye ko ikibazo cya Manda ya Perezida yari ifunze gikwiye gusuzumwa.

7. Ishyaka risanga kandi Itegeko Nshinga ryavugururwa muri rusange hakarebwa n'izindi ngingo zirebana n'imikorere y'inzego eshatu (3) z'ubutegetsi bwa Leta ziteganywa n'ingingo ya 60 y'Itegeko Nshinga, arizo Ubutegetsi Nshinga Mategeko, Ubutegetsi Nyubahirizategeko n'Ubutegetsi bw'Ubucamanza, bijyanye no guhuza impinduka nziza zabayeho mu Gihugu n'Itegeko Nshinga rinoze kurushaho, rizatanga umurongo kandi rigashyigikira ibyo u Rwanda rwifuza gukomeza kubaka.

8. Ishingiye kuri izo mpamvu, Kongere ya 5 y'Ishyaka PSD yemeje ingingo zikurikira ku birebana no kuvugurura Itegeko Nshinga:
    - Manda ya Perezida wa Republika yafungurwa abaturage bakajya bihitiramo ubanogeye buri myaka itanu (5),
    - Ingingo zose z'Itegeko Nshinga zitakijyanye n'imiterere y'imiyoborere y'Igihugu zigomba gusuzumwa zikavugururwa,
    - Inzego z'ubutegetsi bwa Leta zigomba gushyiraho urubuga rwaguye rwo gutanga ibitekerezo ku bijyanye n'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga, hakanategurwa Referendumu izemeza iryo vugururwa;
    - Imitwe ya Politiki igomba kugira uruhare kubijyanye n'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga;
    - Ishyaka PSD ryiteguye gutanga umusanzu waryo mu kungurana ibitekerezo ku birebana n'iryo vuvgururwa ndetse no ku ngingo zavugururwa;Ishyaka PSD ryiteguye kuzatanga Umukandida mu matora ya Perezida wa Republika ya 2017.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24 Gicurasi 2015